



Kigali, 11/07/2013



N°

ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

“ Iki cyegereranyo kigaragaza ko imbaraga u Rwanda rushyira mu gukumira no kurwanya ruswa zitanga umusaruro” Umuvugizi w’Urwego rw’Umuvunyi

Kigali, 11 Nyakanga 2013: Urwego rw’Umuvunyi rwishimiye umwanya Urwanda rwabonye mu cyegeranyo (Global Corruption Barometer 2013) cyashizwe ahagarara na Transparency International tariki ya 09 Nyakanga 2013.

“ Ibi bigaragaza ko imbaraga u Rwanda rushyira mu gukumira no kurwanya ruswa zitanga umusaruro” Ibi byatangajwe n’Umuvugizi w’Urwego rw’Umuvunyi Bwana Nkurunziza Jean Pierre.

Kimwe mu bituma gukumira no kurwanya ruswa bishoboka n’ubushake bwa politiki , imikoranire y’inzego zifite mu nshingano kurwanya ruswa no gukangurira abaturage uburenganzira bwabo .

Mu cyegeranyo cyashyizwe ahagaragara bimwe mu byifuzo byatanze n’uko buri Gihugu cyashyiraho itegeko rirengera abatanga amakuru kuri ruswa no kwamagana umuco wo kudahana.

“ Muri uyu mwaka hashyizweho itegeko rirengera abatanga amakuru ku byaha harimo n’ibyaha bya ruswa n’ibindi bifatanye isano nayo, tukaba ndetse twari tumaze iminsi duhamagarira abaturarwanda gutunga agatoki ahari ruswa. Uwagaragayeho ruswa hatitawe ku mwanya afite agezwa imbere y’amategeko agahanwa.” byatangajwe n’Umuwugizi w’Urwego rw’Umuwunyi

Uyu mwanya u Rwanda rubonye ni ishema k’ubuyobozi bw’Igihugu cyacu n’abaturage.


U Rwanda ruzakomeza gukangurira abaturage gukumira no kurwanya ruswa mu nzego zose kugirango ruve ku mwanya wa mbere muri Afurika rujye mu Bihugu bya mbere ku isi yose bitarangwamo ruswa.

Ku bindi bisobanuro:

Nkurunziza Jean Pierre

0788305887

Umuwugizi w’Urwego rw’Umuwunyi


Nzeyimana Nadège

Ushinzwe itumanaho mu Rwego rw’Umuwunyi